REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gasabo, ku wa 29/5/2013
Ref.N° : 048/07.01.02 NJYG/2013

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO
WEBSITE : www.gasabo.gov.rw
E-mail : info@gasabo.gov.rw
B.P. 7066 KIGALI

29/05/2013

Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
**KIGALI.**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 26/05/2013.

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubohereza ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku itariki ya 26 Gicurasi 2013.

Mugire amahoro.

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

**Bimenyeshejwe**:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.

**KIGALI**

MINALOC
Date 29 MAY 2013

DISTRICT DE GASABO
POUR RECEPTION
Date 29/5/2013
Signature
A Transmettre

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YO KU WA 26 GICURASI 2013**

Ku cyumweru tariki ya 26 Gicurasi 2013, saa munani n'iminota makumyabiri n'itanu z'amanywa (14h25) mu Murenge wa Kimironko mu cyumba cy'inama cya Hotel La Palisse Nyandungu, hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi wayo **Bwana MUNYENTWARI Alfred.**

Ku Bajyanama 27 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 23 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama ni** :

1. Umujyanama MUNYENTWARI Alfred
2. Umujyanama KAREMERA Francis
3. Umujyanama MUKESHIMANA Régine
4. Umujyanama GACONDO Frédéric
5. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
6. Umujyanama KAREGA Diogène
7. Umujyanama KAYISIRE Callixte
8. Umujyanama MUGENZI N. Léon
9. Umujyanama MUHINDA David
10. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
11. Umujyanama MUNARA Jean Claude
12. Umujyanama MUNYANGEYO Théogène
13. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
14. Umujyanama MUSIRIKARE David
15. Umujyanama NDIZEYE K. Willy
16. Umujyanama NGENDO Alphonse
17. Umujyanama NSENGIYUMVA Ildephonse
18. Umujyanama UMULIZA Jackline
19. Umujyanama UWAMALIYA Florentine
20. Umujyanama UWANTEGE Olive
21. Umujyanama UWANTEGE Solange
22. Umujyanama UWIMANA Marie Louise
23. Umujyanama UWIMANA UMULISA Enatha

**Abajyanama batitabiriye inama ku mpamvu zizwi:**

1. Umujyanama MASOZERA G. Pierre
2. Umujyanama MUKARUBUGA Ancilla
3. Umujyanama MUKARUKIZA Félicité
4. Umujyanama UWAMAHORO Claudine

**Abandi bari bitabiriye iyi nama** :

1. DG muri RLSDF
2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere
3. Impuguke yafashije gutegura DDP ya Gasabo;
4. Komite ya JADF ku Karere;
5. Komite y'Inama y'Igihugu y'Abagore;
6. Komite y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko,
7. Komite y'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere;
8. Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge
9. Abayobozi b'Imirimo ku Karere.Umuyobozi w'Ibiro by'Ubutaka mu Karere ka Gasabo.

## I. INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Kwemeza aho inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iteranira;
2. Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'Ibikorwa by'Akarere y'imyaka itanu (DDP);
3. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2012-2013;
4. Kwemeza aho inama y'Inama Njyanama y'Akarere yo kwemeza ingengo y'imari y'Akarere izateranira.

## II. UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.

Nyuma yo kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze abitabiriye inama, anabamenyesha ko kubera ko iyi nama ari inama idasanzwe nta bintu n'ibindi biteganyijwe.
Yasobanuriye kandi abitabiriye inama bose ko iyi nama yatumijwe itunguranye kubera ko hari ubutumwa bw'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali bwasabye ko haterana inama yo kwemeza DDPs z'Uturere bitarenze tariki ya 28 Gicurasi 2013. Yakomeje abagezaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa muri iyi nama, maze ku bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo barazemeza bemeza ko ziri bukurikirane nk'uko zateganyijwe.

**Ingingo ya mbere : Kwemeza aho inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iteranira**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yamenyesheje abitabiriye inama ko hashingiwe ku itegeko No 08/2006 ryo ku wa 24/2/2006 rigena Imiterere, Imitunganyirize n'Imikorere y'Akarere mu ngingo ya 29 igika cya mbere, havugwa ko Inama Njyanama iteranira ku biro by'Akarere cyangwa ahandi mu Karere byemejwe n'Inama Njyanama.

Yakomeje asaba abagize Inama Njyanama ko nk'uko itegeko ryavuzwe haruguru ribiteganya, bitewe n'abatumirwa benshi batumiwe muri iyi nama, n'ingano y'icyumba y'inama cy'Akarere ka Gasabo, abantu batari gukwirwamo akaba asaba ko hakwemezwa ko iyi nama y 'Inama Njyanama yateranira muri iki cyumba.

**Umwanzuro No 28.01.395**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 26 Gicurasi 2013, iteranira mu cyumba cy'inama cya Hotel La Palisse Nyandungu, mu Murenge wa Kimironko.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u> : Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'Ibikorwa by'Akarere y'imyaka itanu (DDP)**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama ko iyi gahunda y'ibikorwa bose bayikurikiranye, bakaba baragiye bayiganiraho mu nama zitandukanye, ku buryo buri wese yagize umwanya n'uruhare mu itegurwa ryayo. Asobanura ko hamwe n'impuguke yafashije kuyitegura, yavuze ko habayeho inama abagize Inama Njyanama basuzumiyemo gahunda y'ibikorwa bakaba bari baratanze ubugororangingo bwazongerwamo, noneho iyo mpuguke (Consultant), ahabwa umwanya ngo ageze kubitabiriye inama ibikorwa byateganyijwe kugerwaho n'Akarere ka Gasabo mu myaka itanu.

Amaze guhabwa umwanya yagejeje kubitabiriye inama ibyateganyijwe gukorwa avuga ko mu gutegura iyi gahunda y'ibikorwa by'Akarere by'imyaka itanu (DDP), asobanura ko nk'uko Umuyobozi w'Inama Njyanama yari amaze kubivuga, hakozwe inama zitandukanye zo kubiganiriramo n'abantu batandukanye, harimo gusura Imirenge, ibiganiro n'inama z'ubuyobozi butandukanye burimo n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali.

Yagaragaje ko hari imbogamizi Akarere ka Gasabo kagifite zigera muri eshanu zikurikira kandi gaharanira gukemura:

- Ibikorwa Remezo nk'imihanda ikozwe iracyari mike cyane,
- Imiturire y'abaturage gutuzwa mu midugudu biracyari hasi;
- Uruhare rw'abafatanyabikorwa;
- Gukwirakwiza amazi n'amashanyarazi ;
- Uruhare rudahagije rw'urubyiruko, ruturuka ku bumenyi buke.

Hagaragajwe n'ingamba ziteganyijwe zizafasha gukuraho izo mbogamizi, Umuyobozi w'Akarere abigaragaza mu buryo buhinnye ibikubiye muri iyi gahunda agaragaza n'ingengo y'imari buri gikorwa cyagenewe, aho basanze ibi bikorwa byose mu myaka itanu bizatwara akayabo k'amafaranga y'u Rwanda agera kuri 197,605,874,000 muri iyo myaka itanu.

Abari mu nama batanze ibitekerezo bagaragaza ibyo basaba ko bagenera umurongo wabyo birimo; ibikorwa by'inama y'igihugu y'abagore n'abafite ubumuga, ikindi bagaragaje ni ikibazo cyo gukwirakwiza amazi n'amashanyarazi mu bice bitaragezwaho ibyo bikorwa.Nyuma yo kungurana ibitekerezo no kumara impungenge abari bitabiriye inama hafashwe umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 28.02.396**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'ibikorwa y'Akarere ka Gasabo y'imyaka itanu (DDP), bamaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatatu : Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2012-2013**

Umuyobozi w'Akarere yahawe ijambo ageza ku bitabiriye inama raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2012-2013. Asobanura ko ibikorwa byose byakozwe bishingiye ku nkingi enye za Guverinoma; ubukungu, imibereho myiza , ubutabera n'imiyoborere myiza. Umuyobozi w'Akarere yagaragarije abitabiriye inama ko iyi raporo ikubiyemo ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, ibyakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere ndetse n'ibyakorewe mu mashami na serivisi zo mu Karere. Bikaba byarakozwe hagamijwe guteza imbere ubukungu no kurwanya ubukene.

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bagize Inama Njyanama y'Akarere uburyo amafaranga yinjiye n'uko yakoreshejwe ndetse n'ibikorwa biri mu mihigo n'aho bigeze.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibikorwa byakozwe n'Akarere ka Gasabo mu gihembwe cya gatatu 2012-2013, bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 28.03.397**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2012-2013 bamaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/22 bari mu cyumba cy'inama, abajyanama babiri bifashe kubera impamvu zabo bwite.

**Ingingo ya kane: Kwemeza aho inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yo kwemeza ingengo y'imari y'Akarere izateranira**

Kuri iyi ngingo Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abagize Inama Njyanama ko inama isanzwe y'Inama Njyanama y'iki gihembwe izaba muri uku kwezi kwa Kamena 2013, ikaba ari nayo izemerezwamo ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2013-2014, ndetse anamenyesha abagize Inama Njyanama ko inama yo kuyemeza itumirwamo abantu batandukanye, bitewe kandi n'ingano y'icyumba cy'inama cy'Akarere, akaba ariyo mpamvu hifujwe ko iyi ngingo yasuzumwa, bityo asaba Umuyobozi w'Akarere kureba niba hari ahandi bashobora guteranira.

Umuyobozi w'Akarere yagaragaje ko ubirebye mu zindi nyubako z'Akarere nta handi Inama Njyanama yabasha guteranira kubera kutagira ibikoresho bihagije, agaragaza ko hashobora kwifashishwa uburyo bwo gukodesha icyumba cy'inama.

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma itegeko No 08/2006 ryo ku wa 24/2/2006 rigena Imiterere, Imitunganyirize n'Imikorere y'Akarere ku ngingo ya 29, ivuga ko Inama Njyanama iteranira ku biro by'Akarere cyangwa ahandi mu Karere byemejwe n'Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 28.04.398**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yo kwemeza ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2013-2014, izateranira mu Murenge wa Kimihurura kuri Lemingo Hotel.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

Inama yari yatangiye saa munani n'iminota makumyabiri n'itanu z'amanywa (14h25), yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00).

Bikorewe i Gasabo ku wa 26 Gicurasi 2013.

**Umwanditsi w'inama** :

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

**Umuyobozi w'inama**

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo